- 30 RODEGEM, F.M. (1964). *Onomastique rundi*.
- 31 RODEGEM, F.M. (1970). *Dictionnaire rundi-Français*. Tervuren : MRAC
- 32 RODEGEM, F.M. (1973). *Anthologie rundi*. Paris : armand Collin. Collection : Les classiques africains.
- 33 RODEGEM, F.M. (1973). Patrimoine culturel rundi (14 volumes). Bujumbura. Inédit.
- 34 SCHOENBRUN David Lee (1997). *The Historical Reconstruction of Great Lakes Bantu Cultural Vocabulary etymologies and Distributions*. Köln : Rüdiger Köppe Verlag.
- 35 SIMONS Eugène (1944). *Coutumes et Institutions des Barundi*. Elizabethville, Lubumbashi.
- 36 SMITH, Pierre (1975), *Le Récit populaire au Rwanda*. Paris. Armand Colin, Les Classiques africains.
- 37 VANSINA, J. (1960). *L'Evolution du royaume rwanda des origines à 1900*. Tervuren : MRAC.
- 38 VANSINA, Jan (2000). «Historical Tales (Ibitekerezo) and the History of Rwanda», in *History in Africa*. Volume: 27. Pages: 375-414.
- 39 VANSINA, J. (1972). *La Légende du passé. Traditions orales au Burundi*. Tervuren : MRAC.
- 40 VANSINA, J. (2003). *Le Rwanda ancien. Le Royaume nyiginya*. Paris : Karthala.
- 41 XXX. *Inkoranya History in Africa y'ikinyarwanda n'igifaransa*. Dictionnaire Kinyarwanda-Français. Tervuren : MRAC

ANNEXES

TEXTE N° 1 UBUCURABWENGE

Sources : KAGAME, Alexis (1947) *Inganji Kalinga*, pp. 93-99 et
KAGAME, Alexis (1959) *La Notion de generation et son application...*

Amazina y'ibisekuruza y'abami b'abagabekazi b'i Rwanda

Uyu mwami twimitse ni **MUTARA**.
Izina rye akiri Umututsi ni Rudahigwa.

Nyina ni Nyiramavugo.
Izina rye akiri Umutusti ni Kankazi,
ka Mbanzabigwi
ya Rwakagara
rwa Gaga
rya Mutezintare
wa Sesonga
ya Makara
ya Kiramira
cya Mucuzi
wa Nyantabana
ya Burigande
bwa Ngoga
ya Gihinira
cya Ndiga
ya Gahutu
ka Serwega
rwa Mututsi:
akaba umukobwa w'Abega.

Nyina ni Nyiranteko,
ya Nzagura
ya Mbonyingabo :
akaba umukobwa w'Abashambo.
Aho ga nyine, Abega bakabyirana Abami
n'Abanyiginya.

Mutara ni uwa YUHI.
Izina rye akiri Umututsi ni Musinga.

Nyina ni Nyirayuhi.
Izina rye akiri Umututsi ni Kanjogera,
ka Rwakagara
rwa Gaga
rya Mutezintare
wa Sesonga
ya Makara
ya Kiramira
cya Mucuzi
wa Nyantabana
ya Burigande
bwa Ngoga
ya Gihinira
cya Ndiga

Liste généalogique des rois et des reines-mères du Rwanda

Ce roi que nous venons de consacrer est **MUTARA**.
Son nom de noble est Rudahigwa.

Sa mère est Nyiramavugo.
Son nom de noble est Kankazi,
fille de Mbanzabigwi,
fils de Rwakagara,
fils de Gaga,
fils de Mutezintare,
fils de Sesonga,
fils de Makara,
fils de Kiramira,
fils de Mucuzi,
fils de Nyantabana,
fils de Burigande,
fils de Ngoga,
fils de Gihinira,
fils de Ndiga,
fils de Gahutu,
fils de Serwega,
fils de Mututsi.
Elle fille des Abega.

Sa mère est Nyiranteko,
fille de Nzagura,
fils de Mbonyingabo.
Elle est fille des Abashambo.
Ainsi donc, les Abega engendrent les rois avec les
Abanyiginya.

Mutara est le fils de YUHI.
Son nom de noble est Musinga.

Sa mère est Nyirayuhi.
Son nom de noble est Kanjogera,
Fille de Rwakagara,
fils de Gaga,
fils de Mutezintare,
fils de Sesonga,
fils de Makara,
fils de Kiramira,
fils de Mucuzi,
fils de Nyantabana,
fils de Burigande,
fils de Ngoga,
fils de Gihinira,
fils de Ndiga,
fils de Gahutu,

ya Gahutu
ka Serwega
rwa Mututsi:
akaba umukobwa w'Abega.

Nyina ni Nyiramashyongoshyo,
ya Mukotanyi
wa Kimana
cya Kabajyonjya
ka Rwaka
rwa Yuhi Mazimpaka
Umwami wa Rubanda:
akaba umukobwa w'Abanyiginya.
Aho ga nyine, Abega bakabyirana Abami
n'Abanyiginya.

Yuhi ni uwa KIGERI.
Izina rye akiri Umututsi akaba Rwabugiri.

Nyina ni Nyirakigeri.
Izina rye akiri Umututsi
akaba Murorunkwere,
wa Mitari
ya Cumu
rya Giharangu
cya Mutima
wa Matana
ya Babisha
ba Samutaga
wa Byunga
bya Bigirimana
bya Sagashya
ka Sakera
ka Sakayumbu
ka Mwezantandi
wa Ntandayera
ya Mukono
wa Mututsi: akaba umukobwa w'Abakono.

Nyina ni Nyirangeyo,
ya Rukundo
rwa Maronko:
akaba umukobwa w'Abashambo.
Aho ga nyine, Abakono bakabyarana Abami
n'Abanyiginya.

Kigeri ni uwa MUTARA.
Izina rye akiri Umututsi ni Rwogera .

Nyina ni Nyiramavugo.
Izina rye akiri Umututsi
ni Nyiramongi,
ya Gaga
rya Mutezintare
wa Sesonga

fils de Serwega,
fils de Mututsi.
Elle est fille des Abega.

Sa mère est Nyiramashyongoshyo,
fille de Mukotanyi,
fils de Kimana,
fils de Kabajyonjya,
fils de Rwaka,
fils de Mazimpaka,
roi du peuple.
Elle est fille des Abanyiginya.
Ainsi donc, les Abega engendrent les rois avec les
Abanyiginya.

Yuhi est le fils de KIGERI.
Son nom de noble est Rwabugiri.

Sa mère est Nyirakigeri.
Son nom de noble
est Murorunkwere,
fille de Mitari,
fils de Cumu,
fils de Giharangu,
fils de Mutima,
fils de Matana,
fils de Babisha,
fils de Samutaga,
fils de Byunga,
fils de Bigirimana,
fils de Sagashya,
fils de Sakera,
fils de Sakayumbu,
fils de Mwezantandi,
fils de Ntandayera,
fils de Mukono,
fils de Mututsi.
Elle est fille des Abakono.

Sa mère est Nyirangeyo,
fille de Rukundo,
fils de Maronko.
Elle est fille des Abashambo.
Ainsi donc, les Abakono engendrent les rois avec les
Abanyiginya.

Kigeri est le fils de MUTARA.
Son nom de noble est Rwogera.

Sa mère est Nyiramavugo.
Son nom de noble est
Nyiramongi,
fille de Gaga,
fils de Mutezintare,
fils de Sesonga,
fils de Makara,
fils de Kiramira,
fils de Mucuzi,

ya Makara
ya Kiramira
cya Mucuzi
wa Nyantabana
ya Burigande
bwa Ngoga
ya Gihinira
cya Ndiga
ya Gahutu
ka Serwega
rwa Mututsi:
akaba umukobwa w'Abega.

Nyina ni Nyiragahwehwe,
ka Minyaruko
ya Kabeba
ka Byami
bya Shumbusho
ya Ruherekeza
rwa Zuba
rya Gitore
cya Kigeri Mukobanya Umwami wa Rubanda:
akaba umukobwa w'Abanyiginya
Aho ga nyine, Abakono bakabyirana Abami
n'Abanyiginya.

Mutara ni uwa YUHI.
Izina rye akiri Umututsi ni Gahindiro.

Nyina ni Nyirayuhi.
Izina rye akiri Umututsi
ni Nyiratunga,
rya Rutabana
rwa Nyakirori
ya Makara
ya Kiramira
cya Mucuzi
wa Nyantabana
ya Burigande
bwa Ngoga
ya Gihinira
cya Ndiga
ya Gahutu
ka Serwega
rwa Mututsi:
akaba Umukobwa w'Abega.

Nyina ni Nyiramwami,
wa Shumbusho
rya Muhoza
wa Ruregeya:
akaba umukobwa w'Abagesera.
Aho ga nyine, Abega bakabyirana Abami
n'Abanyiginya.

fils de Nyantabana,
fils de Burigande,
fils de Ngoga,
fils de Gihinira,
fils de Ndiga,
fils de Gahutu,
fils de Serwega,
fils de Mututsi.
Elle fille Abega.

Sa mère est Nyiragahwehwe,
fille de Minyaruko,
fils de Kabeba,
fils de Byami,
fils de Shumbusho,
fils de Ruherekeza,
fils de Zuba,
fils de Gitore,
fils de Kigeri Mukobanya, roi du peuple.
Elle fille des Abanyiginya
Ainsi donc, les Abega engendrent les rois avec
Abanyiginya.

Mutara est le fils de YUHI.
Son nom de noble est Gahindiro.

Sa mère est Nyirayuhi.
Son nom de noble est
Nyiratunga,
fille de Rutabana,
fils de Nyakirori,
fils de Makara,
fils de Kiramira,
fils de Mucuzi,
fils de Nyantabana,
fils de Burigande,
fils de Ngoga,
fils de Gihinira,
fils de Ndiga,
fils de Gahutu,
fils de Serwega,
fils de Mututsi.
Elle est fille des Abega.

Sa mère est Nyiramwami,
fille de Shumbusho,
fils de Muhoza,
fils de Ruregeya.
Elle est fille des Abagesera.
Ainsi donc, les Abega engendrent les rois avec les
Abanyiginya.

Yuhi est le fils de MIBAMBWE.
Son nom de noble est Sentabyo.

Sa mère est Nyiramibambwe.
Son nom de noble

Yuhi ni uwa MIBAMBWE.
Izina rye akiri Umututsi ni Sentabyo.

Nyina ni Nyiramibambwe.
Izina rye akiri Umututsi
ni Nyiratamba,
rya Sesonga
ya Makara
ya Kiramira
cya Mucuzi
wa Nyantabana
ya Burigande
bwa Ngoga
ya Gihinira
cya Ndiga
ya Gahutu
ka Serwega
rwa Mututsi:
akaba Umukobwa w'Abega.

Nyina ni Nyiramacyuriro,
ya Rusimbi
rwa Magenda
ya Gasimbuzi
ka Senyamisange
ya Muyogoma
wa Juru
rya Yuhi Gahima Umwami wa Rubanda:
akaba umukobwa w'Abanyiginya.
Aho ga nyine, Abega bakabyarana Abami
n'Abanyiginya.

Mibamwe ni uwa KIGERI.
Izina rye akiri Umututsi
ni Ndabarasa.

Nyina ni Nyirakigeri.
Izina rye akiri Umututsi
ni Rwesero,
rwa Muhoza
wa Ruregeya :
akaba umukobwa w'Abagesera.

Nyina ni Mboyire
y Rujuhe
rwa Censha
rya Nyirabahaya :
akaba umukobwa w'Abahondogo.
Aho ga nyine, Abagesera bakabyirana Abami
n'Abanyiginya.

Kigeri ni uwa CYIRIMA.
Izina rya akiri Umututsi
ni Rujugira.

Nyina ni Nyiracyirima.
Izina rye akiri Umututsi

est Nyiratamba,
fille de Sesonga,
fils de Makara,
fils de Kiramira,
fils de Mucuzi,
fils de Nyantabana,
fils de Burigande,
fils de Ngoga,
fils de Gihinira,
fils de Ndiga,
fils de Gahutu,
fils de Serwega,
fils de Mututsi.
Elle est fille des Abega.

Sa mère est Nyiramacyuriro,
fille de Rusimbi,
fils de Magenda,
fils de Gasimbuzi,
fils de Senyamisange,
fils de Muyogoma,
fils de Juru,
fils de Yuhi Gahima, roi du peuple.
Elle est fille des Abanyiginya.
Ainsi donc, les Abega engendrent les rois avec les
Abanyiginya.

Mibamwe est le fils de KIGERI.
Son nom de noble est
Ndabarasa.

Sa mère est Nyirakigeri.
Son nom noble est
Rwesero,
fille de Muhoza,
fils de Ruregeya.
Elle est fille des Abagesera.

Sa mère est Mboyire,
fille de Rujuhe,
fils de Censha,
fils de Nyirabahaya.
Elle est fille des Abahondogo.
Ainsi donc, les Abagesera engendrent les rois avec les
Abanyiginya.

Kigeri est le fils de CYIRIMA.
Son nom de noble est
Rujugira.

Sa mère est Nyiracyirima.
Son nom de noble est
Kirongoro,
fille de Kagoro,
fils de Nyamugenda.
Elle est fille des Abega.

ni Kirongoro,
cya Kagoro
ka Nyamugenda :
akaba umukobwa w'Abega.

Nyina akaba Nyanka,
ya Migambi
ya Rukundo
rwa Ntaraganda
ya Nkomokomo :
akaba umukobwa w'Ababanda.
Aho ga nyine Abega bakabyarana Abami
n'Abanyiginya.

Cyirima ni uwa YUHI.
Izina rye akiri Umututsi ni Mazimpaka.

Nyina ni Nyirayuhi
Izina rye akiri Umututsi
ni Nyamarembo,
ya Majinya
ya Byunga
bya Bigirimana
bya Sagashya
ka Sakera
ka Sakayumbu
ka Mwezantandi
wa Ntandayera
ya Mukono
wa Mututsi:
akaba umukobwa w'Abakono.

Nyina ni Nyamyishywa,
ya Musanzu
wa Cyankumba
cya Juru
rya Yuhi Gahima Umwami wa Rubanda :
akaba umukobwa w'Abanyiginya.
Aho ga nyine, Abakono bakabyirana Abami
n'Abanyiginya.

Yuhi ni uwa
MIBAMBWE.
Izina rye akiri Umututsi
Akaba ni Gisanura.

Nyina ni Nyiramibambwe
Izina rye akiri Umututsi
Akaba Nyabuhoro,
bwa Rwiru
rwa Rubona
rwa Mukubu
wa Mushyoma
wa Bitungwa
bya Nkosa
ya Rubaga
rwa Mutashya

Sa mère est Nyankaka,
fille de Migambi,
fils de Rukundo,
fils de Ntaraganda,
fils de Nkomokomo.
Elle est fille des Ababanda.
Ainsi donc, les Abega engendrent les rois avec
Abanyiginya.

Cyirima est le fils de YUHI.
Son nom de noble est Mazimpaka.

Sa mère est Nyirayuhi.
Son nom de noble est
Nyamarembo,
fille de Majinya,
fils de Byunga,
fils de Bigirimana,
fils de Sagashya,
fils de Sakera
fils de Sakayumbu,
fils de Mwezantandi,
fils de Ntandayera,
fils de Mukono,
fils de Mututsi.
Elle est fille des Abakono.

Sa mère est Nyamyishywa,
fille de Musanzu,
fils de Cyankumba,
fils de Juru,
fils de Yuhi Gahima roi du peuple
Elle est fille des Abanyiginya.
Ainsi donc, les Abakono engendrent les rois avec les
Abanyiginya.

Yuhi est le fils de
MIBAMBWE.
Son nom de noble est
Gisanura.

Sa mère est Nyiramibambwe
Son nom de noble est
Nyabuhoro,
fille de Rwiru,
fils de Rubona,
fils de Mukubu,
fils de Mushyoma,
fils de Bitungwa,
fils de Nkosa,
fils de Rubaga,
fils de Mutashya,
fils de Gihumbi.
Elle est fille des Abaha.

Sa mère est Nyiramugondo,
fille de Muyogoma,

wa Gihumbi :
akaba umukobwa w'Abaha.

Nyina ni Nyiramugondo
wa Muyogoma
wa Juru
rya Yuhi Gahima Umwami wa Rubanda:
akaba umukobwa w'Abanyiginya.
Aho ga nyine, Abaha bakabyirana Abami
n'Abanyiginya.

Mibambwe ni uwa
KIGERI.
Izina rya akiri Umututsi
Akaba Nyamuheshera.

Nyina ni Nyirakigeri.
Izina rye akiri Umututsi
Akaba Ncendeli,
Ya Gisiga
Cya Semugondo :
Akaba umukobwa w'Abega.

Nyina akaba Ncekeli,
ya Ruhomwa
rwa Kinanira
cya Juru
rya Yuhi Gahima Umwami wa Rubanda:
akaba umukobwa w'Abanyiginya.
Aho ga nyine Abega bakabyarana Abami
n'Abanyiginya.

Kigeri ni uwa
MUTARA.
Izina rye akiri Umututsi
akaba Semugeshi.

Nyina ni Nyiramavugo
Izina rye ari Umututsi
akaba Nyirakabogo,
ka Gashwira
ka Burigande
bwa Ngoga
ya Gihinira
cya Ndiga
ya Gahutu
ka Serwega
rwa Mututsi:
akaba umukobwa w'Abega.

Nyina akaba Mfitiki,
cya Ruherekeza
rwa Zuba
rya Gitore
cya Kigeri Mukobanya Umwami wa Rubanda:
akaba umukobwa w'Abanyiginya

fils de Juru,
fils de Yuhi Gahima, roi du peuple.
Elle est fille des Abanyiginya.
Ainsi donc, les Abaha engendrent les rois avec les
Abanyiginya

Mibambwe est le fils de
KIGERI.
Son nom de noble est
Nyamuheshera.

Sa mère est Nyirakigeri.
Son nom de noble est
Ncendeli,
fille de Gisiga,
fils de Semugondo.
Elle est fille des Abega.

Sa mère est Ncekeli,
fille de Ruhomwa,
fils de Kinanira,
fils de Juru,
fils de Yuhi Gahima, roi du peuple.
Elle est fille Abanyiginya.
Ainsi donc, les Abega engendrent les rois avec les
Abanyiginya

Kigeri est le fils de MUTARA.
Son nom de noble est
Semugeshi.

Sa mère est Nyiramavugo.
Son nom de noble est
Nyirakabogo,
fille de Gashwira,
fils de Burigande,
fils de Ngoga,
fils de Gihinira,
fils de Ndiga,
fils de Gahutu,
fils de Serwega,
fils de Mututsi.
Elle est fille des Abega.

Sa mère est Mfitiki,
fille de Ruherekeza,
fils de Zuba,
fils de Gitore,
fils de Kigeri Mukobanya,
roi du peuple.
Elle est fille des Abanyiginya.
Ainsi donc, les Abega engendrent les rois avec les
Abanyiginya.

Mutara est le fils de
RUGANZU.

Aho ga nyine Abakono bakabyarana Abami
n'Abanyiginya.

Mutara ni uwa
RUGANZU.
Izina rye akiri Umututsi
akaba Ndori.

Nyina ni Nyiruganzu.
Izina rye akiri Umututsi
akaba Nyabacuzi,
ba Kibogora :
akaba umukobwa w'Abakono.

Nyina akaba Nyirarugwe
rwa Nkuba
ya Bwimba
bwa Gitore
cya Kigeri Mukobanya Umwami wa Rubanda:
akaba umukobwa w'Abanyiginya.
Aho ga nyine Abakono bakabyarana Abami
n'Abanyiginya.

Ruganzu ni uwa NDAHIRO.
Izina rye akiri Umututsi
ni Cyamatatare.

Nyina ni Nyirandahiro.
Izina rye akiri Umututsi
akaba Nyirangabo,
ya Nyantabana
ya Kamima:
akaba Umukobwa w'Abega.

Nyina akaba Buhorwinka
bwa Kigobe
cya Cyahi
cya Mukubu
wa Cyenge
cya Nyacyesa
cya Mukobwa
wa Ndoaba Umwami wa Rubanda:
akaba umukobwa w'Abanyiginya.
Aho ga nyine, Abega bakabyarana Abami
n'Abanyiginya.

Ndahiro ni uwa YUHI.
Izina rye akiri Umututsi
akaba Gahima.

Nyina ni Nyirayuhi.
Izina rye akiri Umututsi
akaba Matama,
ya Bigega
bya Mutashya
wa Gihumbi:

Son nom de noble est
Ndori.

Sa mère est Nyiraruganzu.
Son nom de noble est
Nyabacuzi,
fille de Kibogora.
Elle est une fille des Abakono.

Sa mère est Nyirarugwe,
fille de Nkuba,
fils de Bwimba,
fils de Gitore,
fils de Kigeri Mukobanya, roi du peuple.
Elle est une fille des Abanyiginya.
Ainsi donc, les Abakono engendrent les rois avec les
Abanyiginya.

Ruganzu est le fils de NDAHIRO.
Son nom de noble est
Cyamatatare.

Sa mère est Nyirandahiro.
Son nom de noble est
Nyirangabo,
fille de Nyantabana,
fils de Kamima.
Elle est fille des Abega.

Sa mère est Buhorwinka,
Fille de Kigobe,
fils de Cyahi,
fils de Mukubu,
fils de Cyenge,
fils de Nyacyesa,
fils de Mukobwa,
fils de Ndoaba, roi du peuple.
Elle est fille des Abanyiginya.
Ainsi donc, les Abega engendrent les rois avec les
Abanyiginya.

Ndahiro est le fils de YUHI.
Son nom de noble est
Gahima.

Sa mère est Nyirayuhi.
Son nom de noble est
Matama,
fille de Bigega,
fils de Mutashya,
fils de Gihumbi.
Elle est fille des Abaha.

Sa mère est Nyabyanzu,
fille de Nkuba,
fils de Nyabakonjo.
Elle est fille des Abongera.

akaba umukobwa w'Abaha.

Nyina ni Nyabyanzu
bya Nkuba
ya Nyabakonjo:
akaba umukobwa w'Abongera.
Aho ga nyine, Abaha bakabyarana Abami
n'Abanyiginya.

Yuhi ni uwa MIBAMBWE.
Izina rye akiri Umututsi ni Mutabazi.

Nyina ni Nyimibambwe.
Izina rye akiri Umututsi
akaba Nyabadaha,
ba Ngoga
ya Gihinira
cya Ndiga
ya Gahutu
ka Serwega
rwa Mututsi:
akaba Umukobwa w'Abega.

Nyina ni Mageni
ya Gikari
cya Nsoro:
akaba umukobwa w'Abahondogo.
Aho ga nyine, Abega bakabyarana Abami
n'Abanyiginya.

Mibambwe ni uwa KIGERI.
Izina rye akiri Umututsi
akaba Mukobanya.

Nyina ni Nyirakigeri.
Izina rye akiri Umututsi
akaba Nyankuge,
ya Sagashya
ka Sakera
ka Sakayumbu
ka Mwezantandi
wa Ntandayera
ya Mukono
wa Mututsi: akaba umukobwa w'Abakono.

Nyina ni Nyiravuna
rya Rweru
rwa Nsoro:
akaba umukobwa w'Abahondogo.
Aho ga nyine, Abakono bakabyarana Abami
n'Abanyiginya.

Kigeri ni uwa CYIRIMA.
Izina rye akiri Umututsi Akaba Rugwe.

Nyina ni Nyiracyirima.

Ainsi donc, les Abaha engendrent les rois avec les
Abanyiginya.

Yuhi est le fils de MIBAMBWE.
Son nom de noble est Mutabazi.

Sa mère est Nyiramibambwe.
Son nom de noble est
Nyabadaha,
fille de Ngoga,
fils de Gihinira,
fils de Ndiga,
fils de Gahutu,
fils de Serwega,
fils de Mututsi.
Elle est fille des Abega.

Sa mère est Mageni,
fille de Gikari,
fils de Nsoro Nsoro.
Elle est fille des Abahondogo.
Ainsi donc, les Abega engendrent les rois avec les
Abanyiginya.

Mibambwe est le fils de KIGERI.
Son nom de noble est
Mukobanya.

Sa mère est Nyirakigeri.
Son nom de noble est Nyankuge,
fille de Sagashya,
fils de Sakera,
fils de Sakayumbu,
fils de Mwezantandi,
fils de Ntandayera,
fils de Mukono,
fils de Mututsi.
Elle est fille des Abakono.

Sa mère est Nyiravuna
fille de Rweru,
fils de Nsoro.
Elle est fille des Abahondogo.
Ainsi donc, les Abakono engendrent les rois avec les
Abanyiginya.

Kigeri est le fils de CYIRIMA.
Son nom de noble est Rugwe.

Sa mère est Nyiracyirima.
Son nom de noble est
Nyakiyaga,
fille de Ndiga,
fils de Gahutu,
fils de Serwega,
fils de Mututsi.

Izina rye akiri Umututsi
akaba Nyakiyaga,
cya Ndiga
ya Gahutu
ka Serwega
rwa Mututsi:
akaba umukobwa w'Abega.

Nyina ni Nyabasanza,
ba Njwiri
ya Mupfumpfu
wa Ndobu Umwami wa Rubanda:
akaba umukobwa w'Abanyiginya.
Aho ga nyine, Abega bakabyarana Abami
n'Abanyiginya.

Cyirima ni uwa RUGANZU.
Izina rye akiri Umututsi ni Bwimba.

Nyina ni Nyiraruganzu.
Izina rye akiri Umututsi
akaba Nyakanga,
ka Tema
lye Lima
lye Bare
lye Gongo
rya Muzora
wa Gahuriro
ka Jeni
rya Rurenge:
akaba Umukobwa w'Abasinga.

Nyina akaba Nyabitoborwa
bya Muzora
wa Mushambo
wa Kanyandorwa
ka Gihanga:
akaba umukobwa w'Abashambo.
Aho ga nyine, Abasinga bakabyarana Abami
n'Abanyiginya.

Ruganzu ni uwa NSORO.
Izina rye akiri Umututsi
Akaba Samukondo.

Nyina ni Kiziga
cya Ruhinda
rwa Mbogo
ya Gishwere:
akaba umukobwa w'Abega.
Aho ga nyine, Abega bakabyarana Abami
n'Abanyiginya.

Nsoro ni uwa SAMEMBE.
Nyina akaba Magondo
ya Mutashya:

Elle est fille des Abega.

Sa mère est Nyabasanza,
fille de Njwiri,
fils de Mupfumpfu,
fils de Ndobu, roi du peuple.
Elle est fille des Abanyiginya.
Ainsi donc, les Abega engendrent les rois avec les
Abanyiginya.

Cyirima est le fils de RUGANZU.
Son nom de noble est Bwimba.

Sa mère est Nyiraruganzu.
Son nom de noble est
Nyakanga,
fille de Tema,
fils de Lima,
fils de Bare,
fils de Gongo,
fils de Muzora,
fils de Gahuriro,
fils de Jeni,
fils de Rurenge.
Elle est fille des Abasinga.

Sa mère est Nyabitoborwa,
fille de Muzora,
fils de Mushambo,
fils de Kanyandorwa,
fils de Gihanga.
Elle est fille des Abashambo.
Ainsi donc, les Abasinga engendrent les rois avec les
Abanyiginya.

Ruganzu est le fils de NSORO.
Son nom de noble est
Samukondo.

Sa mère est Kiziga,
fille de Ruhinda,
fils de Mbogo,
fils de Gishwere.
Elle est fille des Abega.
Ainsi donc, les Abega engendrent les rois avec les
Abanyiginya.

Nsoro est le fils de SAMEMBE.
Sa mère est Magondo,
fille de Mutashya.
fils de Gihumbi
Elle est fille des Abaha.
Ainsi donc, les Abaha engendrent les rois avec les
Abanyiginya.

wa Gihumbi
akaba umukobwa w'Abaha.
Aho ga nyine, Abaha bakabyarana Abami
n'Abanyiginya.

Samembe ni uwa NDOBA.
Nyina ni Monde,
ya Gahutu
ka Serwega
rwa Mututsi :
akaba umukobwa w'Abega.
Aho ga nyine, Abega bakabyarana Abami
n'Abanyiginya.

Ndoba ni uwa NDAHIRO.
Izina rye akiri Umututsi
ni Ruyange

Nyina ni akaba Nyirandahiro.
Izina rye akiri Umututsi
ni Cyizigira.
Akaba umukobwa w'Abasinga.
Aho ga nyine, Abega bakabyarana Abami
n'Abanyiginya.

Ndahiro ni uwa RUBANDA.
Nyina akaba Nkundwa
ya Mbazi
ya Nyundo.
Akaba umukobwa w'Abasinga.
Aho ga nyine, Abasinga bakabyarana Abami
n'Abanyiginya.

Rubanda ni uwa RUKUGE.
Nyina ni Nyirankindi ya Kiragira,
Akaba umukobwa w'Abasinga.
Aho ga nyine, Abasinga bakabyarana Abami
n'Abanyiginya.

Rukuge ni uwa NYARUME.
Nyina ni Nyirashyoza
rya Muzora.
Akaba umukobwa w'Abasinga.
Aho ga nyine, Abasinga bakabyarana Abami
n'Abanyiginya.

Nyarume ni uwa RUMEZA.
Nyina ni Kirezi
cya Rugwana.
Akaba umukobwa w'Abasinga.
Aho ga nyine, Abasinga bakabyarana Abami
n'Abanyiginya.

Rumeza ni uwa YUHI.
Izina rye akiri Umututsi Akaba Musindi.

Samembe est le fils de NDOBA.
Sa mère est Monde,
fille de Gahutu,
fils de Serwega,
fils de Mututsi.
Elle est fille des Abega.
Ainsi donc, les Abega engendrent les rois avec les
Abanyiginya.

Ndoba est le fils de NDAHIRO.
Son nom de noble est
Ruyange.

Sa mère est Nyirandahiro.
Son nom de noble est
Cyizigira.
Elle est fille des Abasinga.
Ainsi donc, les Abasinga engendrent les rois avec les
Abanyiginya.

Ndahiro est le fils de RUBANDA.
Sa mère est Nkundwa,
fille de Mbazi,
fils de Nyundo.
Elle est fille des Abasinga.
Ainsi donc, les Abasinga engendrent les rois avec les
Abanyiginya.

Rubanda est le fils de RUKUGE.
Sa mère est Kiragira.
Elle est fille des Abasinga.
Ainsi donc, les Abasinga engendrent les rois avec les
Abanyiginya.

Rukuge est le fils de NYARUME.
Sa mère est Nyirashyoza,
fille de Muzora.
Elle est fille des Abasinga.
Ainsi donc, les Abasinga engendrent les rois avec
Abanyiginya.

Nyarume est le fils de RUMEZA.
Sa mère est Kirezi,
fille de Rugwana.
Elle est fille des Abasinga.
Ainsi donc, les Abasinga engendrent les rois avec les
Abanyiginya.

Rumeza est le fils de YUHI.
Son nom de noble est Musindi.

Sa mère est Nyirayuhi.
Son nom de noble est
Nyamata,
fille de Rwiru.
Elle est fille des Abasinga.

Nyina ni Nyirayuhi.
Izina rye akiri Umututsi
akaba Nyamata
ya Rwiru :
akaba umukobwa w'Abasinga.
Aho ga nyine, Abasinga bakabyarana Abami
n'Abanyiginya.

Yuhi ni uwa
KANYARWANDA.
Izina rye akiri Umututsi
Akaba Gahima.

Nyina ni Nyirakanyarwanda.
Izina Akaba Nyamususa,
akaba Nyamususa,
wa Jeni
rya Rurenge :
akaba umukobwa w'Abasinga.
Aho ga nyine, Abasinga bakabyarana Abami
n'Abanyiginya.

Kanyarwanda ni uwa GIHANGA.
Izina rye akiri Umututsi akaba Ngomijana.

Nyina ni Nyirarukangaga
ra Nyamigezi
ya Kabeja :
akaba umukobwa w'Abazigaba.
Aho ga nyine, Abazigaba bakabyarana Abami
n'Abanyiginya.

Gihanga ni uwa Kazi
ka Kizira
cya Gisa
cya Randa
rya Merano
ya Kobo
ka Kijuru
cya Kimanuka
cya Muntu
wa Kigwa
cya Nkuba
- ari we SHYEREZO.
"Ngaho iyo mwama,
Mukuru wa Samukondo,
Mu mizi yanyu mikuru!"

Ainsi donc, les Abasinga engendrent les rois avec les
Abanyiginya.

Yuhi est le fils de
KANYARWANDA.
Son nom de noble est
Gahima.

Sa mère est Nyirakanyarwanda.
Son nom de noble est
Nyamususa,
fille de Jeni,
fils de Rurenge.
Elle est fille des Abasinga.
Ainsi donc, les Abasinga engendrent les rois avec les
Abanyiginya.

Kanyarwanda est le fils de GIHANGA.
Son nom de noble est Ngomijana.

Sa mère est Nyirarukangaga,
fille de Nyamigezi,
fils de Kabeja.
Elle est fille des Abazigaba.
Ainsi donc, les Abazigaba engendrent les rois avec les
Abanyiginya.

Gihanga est le fils de Kazi
fils de Kizira
fils de Gisa
fils de Randa
fils de Merano
fils de Kobo
fils de Kijuru
fils de Kimanuka
fils de Muntu
fils de Kigwa
fils de Nkuba
- qui est SHYEREZO.
"C'est là que vous demeurez,
O Grand de Samukondo
Là sont vos racines premières!"

TEXTE N° 2. UTAZI AKARAYE I FUMBWE ARAZA IFU.

Source : MULIHANO Benoit. *Ibirali by'insigamigani*. Vol. 1 (Récit no. 60: p.84)

Uyu mugani bawuca iyo bacira umuntu umugani bamubuza kugokera ubusa azigamira gaheshyi; niho bagira bati "Utazi akaraye i Fumbwe araza ifu" Uwo mugani uri kabiri, ariko ako kabiri kombi kagahurira ku musozi witwa Fumbwe wo mu Buganza bwegamiye u Rukaryi. Ubwa mbere bawendeye ku gitekerezo cy'Abanyoro mu gitero cyabo cya kabiri; ubwa kabiri ku ngoma ya Rujugira, bawuhereye ku mugore wo mu Buliza waraje ifu yo kugemurira umugabo we ku rugerero rwari i Fumbwe aho ngaho. Umunsi yayiraje ni wo umugabo we yaguye ku rugamba, bukeye ahurira n'imbitsi mu nzira ifu arayimena, arahobagira arataha. Iyo amenya ko umugabo we yapfuye ntabwo aba yararaje iyo fu, ngo nibucya ayizindukane ngo aha agemuriye umugabo!

Naho Abanyoro bateye mu Rwanda ubwa mbere ku ngoma ya Kigeli Mukobanya. Iyo ntambara umuhungu we Sekarongoro bita Mutabazi arayirwana ayibamo intwali cyane, ndetse ayikomerekeramo. Ubwo rero Abanyoro baraneshwa, abataguye muri iyo ntambara basubira iwabo, baja kuvuga ko baneshejwe. Biba aho, bishyira kera, bimaze gusa n'ibyibagiranye, ku ngoma ya Mibambwe Sekarongoro, wawundi wabarwanyaga ataraba umwami, barongera baragaruka. Ariko noneho bagaruka ari benshi cyane, kuruta abari barateye ubwa mbere. Kuko ngo batiye amaboko mu duhugu twinshi two muri Yuganda: Ankore, Toro, Bugande Bukili, Bukede, Busogo, na Bunyoro. Abo bose ni ko baje barakariye u Rwanda; barushakagamo iminyago y'inka, kandi bashaka no kwihorera.

Nuko bakijya gusesekara abatasi baburira Mibambwe Sekarongoro. Bamumenyesha imigambi Abanyoro bagize yo gushaka amaboko mu nshuti zabo zibegereye; bati: "Abanyoro bagiye kugaruka, ariko kandi si nka ba bandi ba mbere; ahubwo bazaza ari benshi cyane; ndetse n'ubwo tubita Abanyoro ariko si bo bonyine, ahubwo bavanze n'Abagande n'Abakede, n'Abasoga, n'Abanyankore, n'Abatoro, n'abo muri Bukili n'aba Buhweja. None rero tukugire inama: nawe tabaza abo muturanye bagutize amaboko. Sekarongoro yemera inama y'Abatasi, amaze kumva amagambo bamubwiye n'inama bamugiriye. Ahera ko atuma ku bami babangikanye na we: Kimenyi w'i Gisaka, Nsoro, w'i Bugesera na Ntare w'i Burundi; ati: "Nimuntabare natewe, nimuntabare mwitabara. Abanyoro bongeye gutera kandi numvise ko ari benshi cyane ku buryo ntahangara kubarwanya jyeneyine. None nimuntabare tubasanganirire ku nkiko bataravogera igihugu. Kandi rero nta bwo banziye jyeneyine, icyo bashaka ni iminyago, n'iwanyu ntibayibura. Ati: "Ni ukuntabara namwe mwitabara."

Bose bamaze kubyumva banga kumutabara. Abantu yatumyeho bose, bagarukana inkuru mbi; bati: "Aho wadutumye ntubizere, ngo wibwire ko bazagutabara." Uwo batumye kuri Kimenyi w'i Gisaka ati: "Yanshubije ko adashobora kwihamagarira intambara itamugenewe." Uwo batumye kwa Nsoro Bihembe umwami w'i Bugesera, ati: "Yampakaniye ngo ntafite ingabo zo gutegeza abo banyamahanga bangana n'inzige, ngo zimumarire abantu; ati: wowe ubishoboye urarwane cyangwa se urahunge." Uwo batumye kwa Ntare i Burundi, ati: "Aho kuguha ingabo zo gushira, ahubwo yaguhisha, cyangwa se yaguhishira icyo wamuhishaho cyose." Bose uko bangana baramuhakanira. Abonye ko bibaye bityo, yemera inama yo guhunga.

Nuka ahungira i Bunyabungo kwa Muhoyo; n'inka nyinshi, n'ingabo z'inkoramutima. Agenda hakiri kare, bituma agenda neza nta cyo yikanga. Ageze mu misozi yo mu Kinyaga yegeranye n'u Bunyabungo, atuma intumwa ku mwami waho, ati: "Abantu bitwa Abanyoro baramuteye, abona ko ari benshi cyane atashobora kubarwanya, none aguhungiyeho aragusaba ko umwakirana umutima mwiza; ati: Ari kumwe n'abana be, n'abagore be, n'umukecuru we, n'inka nyinshi n'ingabo zemeye kumukurikira. Ibyo byose nubibona ntumutekerezemo umurwanyu uguteye." Intumwa zirahaguruka zijya i Bunyabungo, zibwira umwami waho ubutumwa bwa shebuja. Umwami w'i Bunyabungo yemera kumwakira ari nta kindi yibaza. Amwoherereza amato menshi yo kumwambutsa hamwe n'abo bari kumwe. Amutegurira amacumbi, arambuka ajya i Bunyabungo.

Umwami w'u Rwanda amaze kugera i Bunyabungo, Abanyoro basesekara mu Rwanda, baza u Mutara wose, basandara u Buganza bwa Kibungo na Byumba; abenshi bambukira kuri Ndaba, bazamuka Ntungwa, batunguka i Fumbwe; bahurirana n'abatutse mu mpinga ya Janjagiro; bose bagandika kuri Fumbwe; bameze nk'amarumbu y'inzige. Ubwo rero ikintu basanze kuri Fumbwe gikwiye kuribwa cyangwa kunyobwa, baraye bakimazeho. Ibyo basanze bidahiye barabiteka, ibikwiye kotswa barabyotsa. Aho bukerereye abarebye kuri Fumbwe, bakabona hasa n'umukomba; ari ikintu cyabaye urukara rw'ikizizi gisa n'umurayi. Mbese baharutse

nta kintu bahasize kizatunga ab'aho. Nuko rubanda babibonye, bakaburirana, bati: "Utazi akaraye i Fumbwe araza ifu; nk'aho bagize, bati: "Ufite icyo arya niyirire, kuko kugira icyo uzigama ari ukwibeshya."

Bakoresheje iryo jambo ifu, kuko muri icyo gihe ari cyo kiryo rusange Abanyarwanda bari berekejeho amakiriro. Ni cyo gituma bavuga ko amasaka ari yo mbuto nkuru mu Rwanda. Abandi rero baturutse mu mpinga ya za Rutare na Bijunde na Nyarusange, bambukira mu iteme rya Karuranga, bashaka gutera urugo rw'i Gasabo. Bakekaga ko Mibambwe ariho ari. Abandi baturutse i Rwamagana na za Munyiginya, na bo bahomboka iyo mu Rukaryi, barazimagiza u Bwanacyambwe, abandi baratera mu Buliza bajya gushaka Mibambwe i Remera ry' Afaforongo aho urugo rwe rundi rwari ruri. Mbese bakwira hose, ntibagira aho basiga h'u Rwanda! Bamaze kubura uwo bashakaga, kandi bamaze kubura n'uwo barasana baritonda barya igihugu koko; barakiyogozza imyaka irahita indi irataha. Bavuga ko barumazemo imyaka isaga icumi.

Mibambwe rero yigumira i Bunyabungo, yihishe Abanyoro. Bukeye imfizi ye irwana n'iya Muhoyo, umwami w'i Bunyabungo. Iya Mibambwe yica iya Muhoyo. Abanyabungo babonye imfizi ya shebuja ipfuye, bafata amacumu n'imihoro bashaka kwica imfizi ya Mibambwe. Abanyarwanda babibonye batyo, na bo babanga imiheto yabo ingamba zirarema bararasana. Muri icyo ntambara umugabekazi Nyabadaha nyina wa Mibambwe arahagwa. Abanyarwanda babonye ko bashumbirijwe, bafata amato barambuka bagaruka i Rwanda.

Bamaze kugera mu Rwanda, bibaza icyo bakwiye gukora: Bati: "Dore Abanyabungo baraduhindutse, kandi Abanyoro twari twahunze nta ho bagiye baracyaduhiga, none ubu tubigize dute!" Sekarongoro ati: "Nimureke twiyahure ku Banyoro, naho twapfa ariko twaba turwanira u Rwanda rwacu tukarugwamo!" Nuko bese biyemeza kurwanya Abanyoro. Babaza ahantu hateraniwe n'abenshi, barahamenya. Begenda ijoro ryose bagera mu ngando zabo aho zari ziri hose, bamaze kwigabanyamo ibice bikwiranye n'imisozi Abanyoro bari higanjemo. Bahimba amageza yo gutwika amazu ku misozi miremire bagira ngo bakange Abanyoro. Muri iryo joro batwika amazu ari ku misozi miremire yegeranye n'aho Abanyoro biganje kugandika, ariko batwikaga bakurikije impande enye: hepfo y'ingando no haruguru yazo, no hirya no hino. Bamaze gukwiza amashinga neza nk'uko babiteguye, batwika ya mazu; mbese bamwe babonye aba mbere batwitse, bese bahera ko baratwika. Abanyoro babonye imiriro yaka impande zose z'aho baganditse, babona ko bakubwe, bacikamo igikuba; iryo joro bahunga ubutarora inyuma; bagenda bikanga ikiriri cyabo, kuko bari benshi cyane, abari mu gice cy'imbere bakikanga ababakurikiye babo, bagira ngo ni ingabo z'abanyarwanda zibari inyuma, bakabagira mu gico, babageraho bakabarwanya; bigatuma bicana babitewe n'uko bayoberanye. Icyo Abanyarwanda bakoraga muri iryo joro ni ukuvuza induru gusa bakomera ngo: "Ntibajye, ntibajye" ibyo gusa!

Nuko aho bukereye, Abanyoro basanga basigaye ari ingerere; bakizwa n'amaguru barahunga. Ingabo za Sekarongoro zirabashorera, Rubanda rw'ihururu rwitabiriye induru rukabatangira. Bapfa umugenda, n'abagiye bihisha mu mikoke no mu mashyamba, barabashakura barabica. Iyo ntambara y' Abanyoro yarangiriye i Musave mu Bwanacyambwe, muri Komini Rubungo ubungubu.

Mbese urora uwo mugani w'Akaraye i Fumbwe ni uko waciye n'abantu bari mu karere kegeranye na Fumbwe; naho ubundi ubaye nk'ucibwa n'Abanyamahanga, bawuca bagira, bati: "Utazi akaraye i Rwanda araza ifu".

Kuraza ifu = Kwishunga ugokera ubus

TEXTE N° 3 YAGIYE MAHERA

Source : MULIHANO Benoit. *Ibirali by'insigamigani. Vol. 1 (Récit no. 71: p. 97)*

Uyu mugani bawuca iyo bategereje umuntu bikarambirana, ndetse byarimba akaguma iyo burundu, nibwo bagira bati: “Yagiye mahera” Wakomotse ku murundi witwaga Balyandaba, ku ngoma ya Cyirima Rujugira na Mutaga Sebitungwa (uwo bitaga Semwiza Sembyaliye Imana, Bibero bikingiye abarwany, Umwami wo ku Rutabo rwa Nkanda azunguza inyonga arahira Ngabonzima; aho i Nkanda muri komini Nshili ubungubu ni ho yari atuye) ahakabakaba umwaka w’i 1700.

Ubwo Mutaga Semwiza yari abangikanye na Cyirima Rujugira. Dore rero ko iyendeze rya Mahera ryahereye igihe Mutaga akomerekejwe n’umuhungu witwaga Rugina rwa Shaza w’i Ntora (Gisozi). Uwo muhungu bari bamuboshye yibye. Cyirima aramutanga. Bamaze kumuta ku ngoyi yiziguza kuzica Mutaga, ati: “Nimumbohore mumppe n’imyambi nzice Mutaga w’i Burundi.” Baramurekura, bamuha umuheto n’imyambi ine, bamwohereza mu rugerero rw’i Mututu. Agezeyo akomeretsa Mutaga na Budengeli bwa Ndabalinze umunyarwanda wari waracikiye i Burundi. Uwo Budengeli yakomerekeye hejuru ya Mutaga agira ngo Rugina atamwica.

Nuko Mutaga na Budengeli bageze i Burundi baromorwa barakira. Bamaze gukura, Mutaga ahubirana na Budengeli mu gikari ava mu mazu ya baka Mutaga. Amutikura akabando muri ya nkovu, yakomerekeye hejuru ye. Budengeli abwira Mutaga, ati: “Unama uve!” Ubwo yamucyuriraga ko yamukomerekeye hejuru bagiye kumwica; Mutaga abyibutse biramubabaza; ahamagaza se wabo witwaga Sentama amutegeka guhanaguza ubwanwa bwe amaraso ya Bundengeli. Kugira atyo yabitewe n’uko muri icyo gitero yakomerekeyemo na Bundengeli; Sentama yahagize ubwoba akaba ikigwari.

Sentama abibonye atyo aracika ajya mu Rwanda. Bamukurikiye kumufata, asimbuka Akanyaru; abwira abamwirukanaga, ati: “Aya maraso nzayiyuhagirira muri Nyabarongo nsanga Cyilima i Ntora!” Ubwo baramubaza, bati: “Mbese ko ugiye usize umugore n’abana?” Arabasubiza, ati: “Urusende rubabyara ni jye urufise.”

Ubwo araza akeza Cyilima arakirwa. Ariko yacitse yabanaga n’undi murundi witwaga Balyandaba (uwo bise Mahera). Bombi bari abacuranzi ba Mutaga. Sentama amaze gucika Balyandaba asigara acuranga wenyine; yacuranga inanga yabo umugamba ari wenyine bikamubangamira. Yayicuranga ayivugamo ibyivugo bya Sentama, Mutaga yabyumva akagira akantu ka sewabo. Bukeye abwira Balyandaba uwo, ati: “Ngutumye mu Rwanda: ugende nk’ucitse, ujye gukeza Cyilima; numara kugerayo, uzambwirire Sentama agaruke; muzazane, kuko yaciwe n’ubusa.”

Balyandaba araboneza aza mu Rwanda, asanga Cyilima i Ntora. Amubwira ko acitse Mutaga, kandi ko amujijije ko ari inshuti ya Sentama. Baramwakira abonana na Sentama barishima cyane. Ubwo Balyandaba yageze mu Rwanda, asanga bashaka gutera u Burundi. Ni na cyo gitero Mutaga yaguyemo, kiyobowe na Sentama kuko yaberetse inzira nziza yo gushyikira Mutaga. Icyo gitero, ni cyo Rutanda rwa Ntara w’umunyagisaka yatabayemo n’ingabo ze zitwa Urwasabahizi yari amaze gucikana Kimenyi banganishijwe na Cyilima, bitewe n’uko Kimenyi amaze kumwima imyambi iriho ubumara yari yamutumye i Bujinja; yamara kuyibona akarenga akayigabanyiriza Urwasabahizi.

Nuko umutware warwo amaze kuyoboka Cyilima, yerezwa inzuzi zo gutabara kwa Mutaga; aragabwa, aratabara. Urugamba rumaze kwanzikana Rutanda ubwe arasa Mutaga umukumbi hagati y’amaso, umuheha atamirije utendera ku mwambi arirahira, ati: “Rutamu ruzigenza mwambitse umutako ku wundi; kandi ga Rwasabahizi mbatanze kugoma!” (kuko yishe umwami!) Ubwo Sentama abonye Mutaga aguye agira ngo ni ugukomereka gusa. Amusatiriye asanga amaze guhwera; ararira. Abanyarwanda baramushunga, bati: “Urinda kurira si wowe wamutugabije?” Icumu rye arishinga iruhande rw’umurambo w’umuhungu wabo ariyahuraho. Nawe Balyandaba abonye Mutaga apfuye agarukana n’ingabo z’Abanyarwanda zitabaruka, yanga gukomeza agana i Burundi.

Bamaze kugera mu Rwanda, Cyilima amugororera inka n’imisozi mu kigwi cya Sentama. Kuva ubwo Abarundi baramutegereza baramuheba yaranze gusubirayo kuko Mutaga yapfuye, kandi mu Rwanda yarahabonye ubukire butambutse ubwo yari afitiye i Burundi. Ni bwo abana be baguriye abatasi bo mu Rwanda, bamutumaho ngo azagaruke, Balyandaba arabahakanira. Amaze kubashwishuriza bamuhebye, abacuranzi batangira inanga imucuranga, bati: “Ntacyo Kizima ntabwo Byicira mu gico rya Rukara yaheze mu butumwa!” Ubwo Abarundi bandi, bati: “Erega ntabwo akitwa Byicira mu gico rya Rukara, ahubwo yabaye Mahera y’u Rwanda!”

Nuko kuva ubwo, umugani wamamara mu Burundi no mu Rwanda. Uwo batumye agatinda, bati: “Aho ntiyagiye mahera (nka Mahera) byarimba ntagaruke, bati: “Yagiye mahera!”

Kugenda mahera = Kugenda burundu.

TEXTE N° 4 : BAMUKENYEJE RUSHORERA

Source : MULIHANO Benoit. Ibirali by'insigamigani. Vol. 1 (Récit no. 17: p. 35)

Uyu mugani bawuca iyo bumvise umuntu bambuye twose cyangwa bamucuje agasigara iheruheru; ni bwo bavuga ngo: «Bamukenyeye Rushorera!»

Waturutse i Burundi, ku ngoma ya Mutaga wa Mwezi.

Mutaga yari afite abagore bitwa Inyenyeri zo ku Rutabo rwa Nkanda, n'Imiyumbu y'i Muganza w'i Ngara. Bukeye Mutaga araza inkera n'abatware be (Abaganwa); bahiga abagore beza. Mutaga ati: «Mu Burundi n'ibindi bihugu duturanye mbarusha abagore beza». Abahungu, bati: «Urabeshya nta we urusha abagore beza».

Ubwo icyo abahungu babivugiraga ni uko bari bazi ko Mutaga afuha, bagashaka kumukaza ngo abazane babarore kuko batageraga ahagaragara. Mutaga yumvise amagambo y' abahungu aramushegesha; abwira abatware be, ati: «Nimutange iminsi tuzerekaniro abagore tumenye abarusha abandi». Abatware bati: «Uku kwezi nigushira abagore bazahurire ibwami ku Rutabo rwa Nkanda tuberekane. Imihigo imaze kurangira, abatware barasezera bajya kuzana abagore babo kurutanwa n'aba Mutaga.

Ukwezi kwegereye Mutaga atumiza Imiyumbu y'i Muganza baraza bateranira ku Rutabo rwa Nkanda; bategereje ko ukwezi gushira bagahura n'abagore b'abaganwa. Ubwo Mutaga aza mu bagore be, asanga bamwiteguye barimbye.

Arabitegereza arabashima aranezerwa. Hakabamo umugore umwe witwa Niraba, ngo akaba mwiza cyane; mu gisingizo bamwitaga "Rusaro rwa nzi kwesa ruresaresa umusore mu museke bwajya gutandukana akamusogota isonga y'ururimi muka Mwezi". Hakabamo undi akitwa Nahimpera; na we ngo yari mwiza bitangaje: igisingizo cye kikitwa " Bishunzi bya Nyabinyeli binyara mu biganza by'abarenzi imponogo zikarangira mu kirambi muka Mwezi.". Hakabamo n'undi witwa Umunani; nawe akaba mwiza cyane; igisingizo cye akitwa " Gikoli igikurungishwabiganza muka Mwezi."

Nuko Mutaga arabitegereza uko ari batatu aranezerwa ahamagara umurundi witwaga Rushorera amujyana ukwe aramubwira, ati: «Ubu tugiye mu biroli by'aba bakobwa, kandi hazaba hari abantu benshi; abakobwa bazaba bateranye n'abahungu nta sobanuriro, maze kuva ubu ngushinze Niraba na Nahimpera n'Umunani; ubarore wirore. Ntihazagire umuhungu ubegera, kandi nimenya ko hari uwo begeranye (basambanye) nzakwica.

Mutaga amaze gushinga Rushorera abo bakobwa, arongera ahamagaza umutware w'abareruzi (abahetsi) be, abamushinga mu bisingizo byabo; ati:

«Ngushinze Rusaro rwa Nzikwesa ruresaresa umusore mu museke bwajya gutandukana akamusogota isonga y'ururimi muka Mwezi; ngushinze Bishunzi bya nyabinyeli binyara mu biganza by'abarenzi imhonogo zikarangira mu kirambi muka Mwezi: ngushinze Gikoli igikurungishwabiganza muka Mwezi; nubona umuntu ubegereye, uzabwire abareruzi baze bamubohanye n'uwo bari kumwe." Ibyo ariko bigirwa rwihishwa, Rushorera ntiyamenya ko bashinze n'umutware w'abareruzi.

Kuva ubwo Rushorera agumya kurinda ba bakobwa batarajya kurutanwa. Bigeze aho yegera Nahimpera, aramubwira, ati: "Ni jye ubarinda, cyo dusambane nta we uzabimenya "

Nahimpera aremera bajya ku buriri, imyambaro bayishyira ku nyegamo. Abahetsi bakaba babibonye, kuko bakomezaga kubaneka; barabafata, Rushorera bamuhambiranyana na Nahimpera barabikorera, babatungukana ikambere umuriro uhinda. Abahungu babibonye bariyamirira, inkwekwe bayivaho, bati « Bishunzibya Nyabinyeli bamukenyeye Rushorera!»

Nuko Mutaga abatanga bombi, ibirori bipfuba bityo; abagore barasezererwa barataha.

" Gukenyeza umuntu Rushorera = kumucuzza utwe twose agasigara iheruheru."

TEXTE N^o. 5 UBWIRU - INZIRA YO KWAMBIKA INGOMA²¹

Iy íngoma yambára
Umuhinz aba yáapfúuye
Umutwá wó kwaa Máhenéhene
Akamuc igihanga
5 Akamuc ibinyiita
Bagashyira mu gatonga
Umuvúzi w ámacúmu
Akaaza kubívug ibwami

Yamará kubívuga
10 Ingoma zikíigamburuza
Zikabamburira kó zikabiikiirira kó
Ingabo zikazaatabaaruka
Zigahísa murí gahanda
Umwam ahágararanye n Umutsoobe kw iirémbo

15 Káa gatóna kaajyá guhíta
Bakabwir Umwami
Akareeba mu rugó ngw atakabóna
Kagahíta kájya mu Bacumbi
Umucamb akaazan umubuzá
20 N úmukóma n ícyunamyi
N úmuhuna n úruhezá

Akabikubit ijoro ryóse
At amahang ahora yúunamyé
Umuhinza wáa yó yaapfúuye
25 Amahang ahó ahúnamyé
Umuhinza wáa yó yaapfúuye
Amahang ahó ahéze
Umuhinza wáa yo yaapfúuye

Bwacyá bakaazana cyáa cyuhagiro
30 Cyizá cyuhágir Umwami
Bakamwuhagira bávuga bati
V ibuzím újy íbuntu
Ingoma yáac ikwambare

Ubwo baatumiy imirimo y íbití byiizá
35 Umunyákabágari yazany umusumba
Yazanye n úmusugí
Yazanye n úmugwámpóro
Yazanye n úmuremeera
Yazanye n úmuramá
40 Yazanye n úmuganza

Abacumbí baazany umutúurírwá
Kwaa Nyamigezi baazany inkooko n íingwá
N ívubwé n ímyishywa
N íkiremu cy ímpuzu
45 Cyó kwaa Ndungutse ya Nkuuna
N íinjíishi z ímitáranzá
Zó mu Banyákabágari

Bakaazan imfizi yó mu Masake
Ikabaagirwa ku Mukóobwá
50 Bakahashyuushy amáazi
Bakayikuur imitsí
Ku kuguru nó ku kubóko
N ícyázihá cy íburyó
Bakarez umukámo wáayó mu kirábyo

55 Bakaazan ibishwamo
Bagateerahó yáa máaz ashyúushye
Baba bágira ngo bíkanyurúke
Bakabiheera ku mutwé bagasátura
Baagerá heepfó ntibátandukanye

60 Bati ng uru n úrugembe
Amahang ahoram úrugembe
Umuhanza wáaho yaapfúuye
N ámahanga yóos adátuur úmwami w 'i Rwanda
Tuyahozam úrugembe
65 Umuhanza wáaho yaapfúuye

Bakaazana cyáa kiremu
Cyó kwaa Ndungutse ya Nkuuna
Bakagishyira heejuru y ínkooko
Yó kwaa Nyamigezi
70 Bagashyira hó byáa bishwamo
Bakaazan umusugí bagashyirahó
Bat uyu n úmusugí
Ingoma y 'i Rwand irakwambara
Umwam akab isugí
75 Ingoma zikab isugí
Abagabo b' i Rwanda bakab isugí
Abagoré b' i Rwanda bakab isugí
Inká z 'i Rwanda zikab isugí
Urwanda rw Umwami rukab isugí

80 Uyu n úmusumba
Ingoma y' i Rwand irakwambara
Umwam agasumb amahanga
Uyu n úmuremeera
Ingoma y' i Rwand irakwambara
85 Umwam agahor arémeerey andí mahanga

Uyu n úmuganza
Ingoma y' i Rwand irakwambara
Umwami w' i Rwand agahor agánz amahanga

Bagafátanya bagahótora
90 Ngo twahotor Uburundi kuu ngoma
N ámahanga yóos adátuur Umwami w 'i Rwanda
Twayahotora kuu ngoma

Bagafátanya bakarénganya

²¹Source : D'HERTEFELT et COUPEZ

Ngo twarengany Uburundi kuu ngoma
95 N ámahanga yóos adátuur úmwami w 'i
Rwanda
Twayarenganya kuu ngoma

Bakaazana yáa mitsí y íburyó
Bakarénganya bávuga bati
Umwam ahor arí muryó
100 Mu Rwanda rwé
Ngw iyi n íimitsi
Umwam ahoran imitsí mu Rwanda rwé

Bakaazan imitúuríwa.
Bakarénganya bávuga [bati]
105 Umwám ahor ar úmutúuríwa
Ingoma yáacu ntíyuuríwa
Ahubwo yuurir ayandi mahanga

Bakaazan injíishi z ímitáranzá
Bakarénganya bávuga bati
110 Urwanda ntíruranzá
Umwami ntáaranzá
Inká z 'i Rwanda ntíruranzá

Igikondo cyamará kúuzura
Bagasiigahó wáa mukámo
115 Umukóobw ákajya muu nzu
Akaakiira kíkiri kurí yáa nkooko

Ubw Umucumb akuuhagir ingabo
Ingoma z ímivúgo zikagisanganira
Uwó kwaa Nyamigez akagíterura
120 Kurí yáa nkooko

Ibwami bagateez uruganda ku Kaarubanda
Umwam agateer uruganda
Mu gikaari kwaa Cyírima
Akavugut akagira kané
125 Agah uwó kwaa Mutamwa
Akavugut akagira kané

Umwam akajy imbere y ízíiko
Akíndikij inkindi y íntaama
Akabyirur akagira kané
130 Agah uwó kwaa Mutamwa
Akabyirur akagira kané

Bagafátanya bagahótora
Ngo twahotor Uburundi kuu ngoma
N ámahang adátuur Umwami w 'i Rwanda
135 Twayahotora kuu ngoma

Akajya kwaa Cyírima
Bakaazan uburó kuu nkooko bagasetsa
Umutsoob afit ingororero
Umwam agaheerezw Inyundo
140 Agaheerezw Ubushingo

Indamúts ikaramutsa

Ingabé zigasohoka
Zikareeba kw iirémbo
Iyerew igashyirwa mu mwanya wáa mbere
145 Mu cyimbo cyáa Káringa

Bakaazana cyáa gikondo
Bagashyiramó wáa muhótora
Nó mu kubóko kw íngoma
Bakarénganya báfatanyije
150 Bati twarengany Uburundi kuu ngoma
N ámah?nga yóos adátuur úmwami w 'i Rwanda
Twayarenganya kuu ngoma

Umwam agakóm akagira kané
Umwéneyabirungw akagira kané
155 Agakomerezakó

Baba báarahanyáz Ingoma y Ingabé
Bakayisunikiisha yáa yindí yambáye
Ikayihirikiish isembe
Ngo twatembagaz Uburundi kuu ngoma
160 N ámahanga yóos adátuur Umwami w 'i
Rwanda
Twayatembagaza kuu ngoma

Baba báaranyáz imfíizi
Bakayiboh amabóko n ámaguru
Iy Umwam ikayíica
165 Abatwá bakayijyana bakajya kuyíica

Ingoma zigahindikira
Zikareeba ku muryángo
Iyaa mber ikabanza
[Umwami agaterahw ibihubi]
Akagira kané
170 Zigateerwa hw íbihubí zóose
Bakaziheerez Umwami
Ukó bisanzwé bíkurikirana
Zigasubir inyuma y ígitabo
Zigateez urugamba

175 Insánga zigataaha
Umushumb ubónetse wées agakáma
Amat ágaterekw imbere y íngoma
N ínzogá y úubúuki n ínturíre
Zó mu banyánzogá
180 Bakaazan agataná k íbwami
Agasogongera kurí zaa nzogá
Abána b áabíiru bakanyw amatá
Inzogá zigatinduurwa

Ingoma zikajya mu ruhimbi
185 Bukíir umwami ntiyáakiire
Ingabo zigataaha
Zikaraara zífiga

Ingany ikajya kwaa Myambazo
Igihanga kikajy i Muheró

190 Yabá yárabúz inzúzi zó kwambarwa
Ibishwamo bikajyana na cyáa gihanga

Umwam akagororerwa
Ingoma zikagororerwa
Abíru bakagororerwa n Umwami
195 N íngabo zahiiciye zikagororerwa.

TEXTE N^o. 6 : UBWIRU – INZIRA Y’UURWIHISHO

Source : D’HERTEFELT et COUPEZ 1964

Iy Umwami w' i Burundi yapfuuyé
Abatási barabívuga
Umwami ntiyóngere kuráarana n úmugoré
Akaraarana n úumwána w úmuhungu
5 Akaraguriz arí kwaa Sé
Arí kwaa Séékúru
Akagend akajya yó
Ingabé zigahaguruka kwaa Cyírima
Zikaaza zigahagarara kw iirémbo

10 Umutsoob akaazan imbúto
N ínzogá muu mpéerezo n íngororero
Agasets ati seka Kaanaka
Abami bagusezeyehó
Bagiiye mu rwíhisho
15 Tsinda Kaanaaká
Tsind Uburundi

Bagaháguruka bakambuk udushanga tubiri
Cyángw útugezi tubiri
Bakajy ahantu h ágakombe
20 Bakajya mur úurwo rugó
Umwam akayoboramó wáa mukúrambere
Agaheerezw Inyundo
Agaheerezw Ubushingo
Indamúts ikaramutsa

25 Ingoma zigataah aríko ntibáziheereze
Umurishy ujanya n Ingabe
Ur ínyuma yáazo
Zikaaza zikajya mu ruhimbi

Nyamíband íkaaza
30 Ikajya mu rundi rugó
Umugabékaz akajyana n úmukobwa
Akab arí wé bararána
Imins ikab umunani

Uwa cyénd íngoma zigasuka
35 Zikígamburuz ukó bisanzwé
Ingabe zigaheekwa, n Abami
Bakabonez impinga yóose
Ntibóngere kwambuka

Abagoré b Umwami bagasanganirira
40 Mu gahinga kure

Bakaaza bagahagarara ku Kaarubanda
Ingobyi y Umwami n íiy Umugabékazi
Zikajya mu rugó

Umwam akajya muu nzu
45 Agasetsa kwáa kundí
Ati seka Kaanaka
Ngiiy ínzogá Kaanaak águtuye
Tsinda Kaanaaká
Tsind Uburundi

50 Agaheerezw Inyundo
Agaheerezw Ubushingo
Indamúts ikaramutsa

Ingobyi zóose zaasangániye
Zigateez urugamba ku Kaarubanda

55 Ingabé zigataaha
Bagateerahw íbihubí
Ukó bisanzwé
Zigasubira hagatí y íbitabo

Insánga zigataaha
60 Bagakam amatá
Bakaazana n ínzogá z úubúuki
Zivuuyé mu banyánzogá
Zigaterekw imbere y íngoma
Akazisomaho

Abána bakanyw amatá
65 Abíru bagatinduur inzogá
Umutsoob akagororer Umwami
Umwam akagororer Umutsoobe
Umutsoob akíivuga
Ab lintwári bakiivuga
70 Ingoma zikagororerwa
Amapfíiz akagororerwa

Ingoma zigataaha
Zikajya kwaa Cyírima
Zaagerá mw iirémbo
75 Zíjya kwaa Cyírima
Ingobyi zigataaha,
Na Rubanda bakínjira

Bakaazan imfizi yó muu Ndwanyi
Bakayibiikiira
80 Bakayikamiisha
Bakagabura bagah abiru

Mu gitondo zikajishuurwa zigasiigwa
Abiru bakagororerwa
Umwam agatsinda
85 Akagir ubujyeri.